Republique Rwandaise 1d(
Ministere de la Jeunesse 13p
des sports

Rapport

7/10/1983

Secrétariat D-6 - Jeunesse -

INAMA YA SELIRE YA MINISTERI Y'URUBYIRUKO N'IMIKINO

YABAYE TALIKI 7 UKWAKIRA 1983.

I. **Abali muli iyo nama** : - Umukuru wa Selire kandi ali nawe Prezida w'inama Milita Ministri NDINDILIYIMANA Agustini Major BEM, akikijwe n'abafasha be bagize Komite ya Selire.
- Hali n'aba Militante n'aba Milita ba Selire ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.
- Hali kandi Simpatiza wa M.R.N.D., Bwana Adly HASSANEIN, Impuguke muli "Planification".

II. **Imigendekere y'Inama.**

- Inama ya Selire yabaye taliki 7 Ukwakira saa munani n'iminota mirongo itatu irangira saa kumi n'imwe.
- Milita Ministri atangiza inama yavuze ko hashize igihe atabonana n'abakozi ba Selire yose. Yavuze ko n'ubwo ibyo bitashobotse yagiye akoresha inama za Serivise ziganije kurangiza programu zateganijwe.
- Milita Ministri yakomeje asaba abakozi bose kumva ko ali bamwe, bakaba Selire y'abaterahamwe, bali mu bumwe Muvoma ishaka.
- Yunzemo avuga ko Selire ayobora igomba guharanira buli gihe icyatuma abantu bagira umubano mwiza, kungurana ibitekerezo no kudatatanya imbaraga zabo.
- Mbere yo kurebera hamwe ingingo zateguwe, Milita Ministri yishimiye kwerekana ku mugaragaro impuguke muli "Planification et développement" dukesha umubano mwiza wa Misiri n'u Rwanda, Dogiteri Adly Mohamed HASSANEIN. Iyo mpuguke izakorana n'Ubuyobozi Bukuru bw'Urubyiruko muli "Direction Planification".

Imilimo yihutirwa iziga ni iyi :

- Kwiga ukuntu ibyo urubyiruko rwejeje byagulishwa mu masoko. Bihuje n'icyifuzo cy'Umukuru w'Igihugu yagejeje ku bali bateraniye mu nama ya Kabili y'Abashinzwe Urubyiruko, yateraniye i Kigali taliki 23 kugeza ku ya 27 Ugushyingo 1982.
- Kwiga imiterere y'Ishyirahamwe ryitwa "FAJECOP" n'ukuntu ryarushaho kwakira ibyo urubyiruko rwejeje kandi ligacuruza lidahomba.
- Gufasha ibigo by'Urubyiruko bigengwa na Ministeri (GACULIRO - MASAKA na KABGO) kurushaho kweza ibishobora kubitunga.
- Kubishakira icyabitera inkunga ngo uburere urubyiruko rubona burusheho gutera imbere.

.../...

Ku byerekeye Siporo, Milita Ministri yavuze ko hali inpuguke ebyili Ministeri itegereje. Imwe izatangwa n'Ubufransa indi itangwe n'Ubudage bw'Uburengerazuba. Izo npuguke zizahugura abakozi bacu mu mikino yose kugira ngo na bo bazashobore kuyisakaza mu makomini.

Abo bose, Ministeri izabababamira neza kandi izabatera inkunga mu kazi kabo.

- Milita Ministri yashoje iyo ngingo asobanulira uwo mushyitsi anatwara ya Muvoma yacu : Ubumwe-Amahoro-Amajyambere n'ukuntu inzego za M.R.N.D. zikora. Yamwifulije kuza neza no gufatanya n'abo asanze.

A) <u>Ubutumwa Ministri w'Urubyiruko n'Imikino aherutseno mu ntara ya "Rhénanie Palatinat" ho mu Budage bw'Uburengerazuba.</u>

- Milita Ministri yishimiye urugendo rwe, avuga ko rwabaye ingirakamaro kubera ko rwali rwateguwe bihagije n'intumwa zali zaroherejwe mu Rwanda na Ministri-Prezida wa Rhénanie Palatinat, Dogiteri MOLT. Izo ntumwa zali zigizwe na Bwana ROLF Weiler na Bwana WILLI Klein. Zashoboye kwibonera ingorane Minisiteri y'Urubyiruko n'Imikino ifite mu guteza Urubyiruko na Siporo imbere kubera abakozi n'ibikoresho bidahagije.

- Milita Ministri yishimiye kubona ko abategetsi bo muli Rhénanie Palatinat biyemeje guteza Siporo imbere no kuduha ibikoresho. Ibyo bifite intango kuko bali baroherereje mu Rwanda impuguke zakoresheje Sitaji ebyili, imwe yabaye muli Nyakanga, indi muli Nzeli 1983, banatanga ibikoresho-fatizo mu mikino. Ikindi kigaragaza ubucuti buhamye muli urwo rwego, ni uko muli Werurwe na Mata 1983, hali Entreneli w'Umudage waje gutoza Ikipi y'Igihugu mu irushanwa ry'umupira w'amaguru mu rwego rw'Afurika. Milita Ministri yabonye icyizere ko Bwana FICKERT azagaruka mu Rwanda muli Mutarama 1984 gutoza Ikipi y'Igihugu mu gihe cy'imyaka ibili.

- Milita Ministri mu rugendo rwe muli Rhénanie Palatinat, kuva taliki 27 Nzeli kugeza taliki 4 Ukwakira 1983, yashoboye kubonana na Komite ishinzwe Siporo bavugana ukuntu habaho umushyikirano uhamye hagati y'amakipi y'ibihugu byombi. Bemeranijwe ko programu yo guhugura abakozi bacu yakomeza kandi n'amakipi yacu akabona ibikoresho akeneye.

- Kubera ko ihugurwa libera i NYABISINDU kandi amazu ahali akaba amaze gusaza, Milita Ministri yasabye inkunga yo kuyasana.

- Yasabye kandi inkunga yo gufasha umushinga wo gusana no gukora imipira y'amaguru, inkweto na za "filets de basketball et de volleyball".

- Yagejeje kuli Dogiteri MOLT umushinga wo kubaka Sitadi yo mu MUHUNGERI n'igitekerezo cyo kohereza "Ballet National" mu Budage, ikazaba igizwe n'abakinnyi 45.

.../...

- Yagiranye imishyikirano na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, akaba ashinzwe n'imikino, abonana na Sekreteri wa Leta ushinzwe Urubyiruko muli Minisiteri y'Imizamukire y'Abaturage bareba iby'ubutwererane n'ubufatanye n'ukuntu amashyirahamwe y'Urubyiruko rwacu yaterwa inkunga.

- Mu gusoza imishyikirano ye, Milita Ministri yaganiliye na Bwana OTTO Johann ku byerekeye ibikoresho by'i gororangingo n'irushanwa ry'amagare. Yabonanye n'abashinzwe Sositeye ADIDAS na RAMIKA barebera hamwe ukuntu komande bahawe yakubahilizwa mbere y'uko uyu mwaka urangira. Basuzumye ukuntu ibikoresho bimwe bya Siporo byajya bikorerwa mu Rwanda, bigacuruzwa mu bihugu bihuliye muli CEPGL na OBK. Iyo mishinga yose yabonewe ibisubizo bishimishije. Ukuntu yakwizera ko yose izakorwa.

B) Imigendekere rusange y'akazi.

a) Milita Ministri yabwiye ba Militante na ba Milita ko yishimiye imigendekere y'akazi.

Yasabye buli wese gukorana umurava akazi yahawe.

b) Ku byerekeye Siporo n'inyidagaduro

Milita Ministri yasabye ababishinzwe gusakaza imikino muli za Komini aho kwibanda mu murwa mukuru w'Igihugu. Rubanda nyamwinshi nirwo rugomba kwitabwaho cyane, buli wese agakora siporo yumva imunogeye kandi ashoboye.

Amakipi asanzweho n'amashuli azakomeza guterwa inkunga. Irushanwa liherutse kubera i Nyamirambo ryali lihuje abakinnyi batoranijwe mu maprefegitura yose uko ali icumi. Imikino yarashimishije aliko wasangaga ali isanzwe. Milita Ministri yasabye ababishinzwe kwigisha indi mikino mishya nka "course de relais" hand-ball, poids...".

- "Sport d'élite" muli iki gihe nta mategeko ayigenga akulikizwa mu Rwanda. Amategeko agomba gushyirwaho kandi akubahilizwa. Ibyo byasobanuwe ku buryo burambuye mu nama zagiye zikozwa uyu mwaka.

- Inyidagaduro, usanga nayo ali akajagali, abantu bikorera ibyo bashatse, bagatanga amatangazo ngo bazahimbaza igitaramo aha n'aha Ministeri itabizi kandi bagashyiraho ibiciro bishakiye.

Ako kajagali kazaveho vuba, hajyeho amategeko agenga inyidagaduro mu Rwanda. Abanyamahanga bifuza kuza ino kwerekana imikino bagomba kuza bazi amategeko dukulikiza.

- Hagombye gukorwa programu izwi cyangwa se gushyiraho akanyamakuru kerekana inyidagaduro iteganijwe mu Rwanda n'aho izabera. Amatike agomba gutangwa na Ministeri kugira ngo igiciro kibe kimwe hose. Ministeri igomba gutegenya kongeraho tagise igomba kwinjira mu isanduku ya Leta.

- Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino igomba gushyira mu isanduku ya Leta 180.000 FRW. Ni ukuyatanga rero.

- Ministeri y'Imali ikeneye kumenya icyo za "Orchestres" zunguka.

..../...

..../.....

c) Ku byerekeye Urubyiruko



- Icyakora abagenewe gutegura iyo mikino bajye bamenyekana hakili kare. Bitabaye ibyo buli wese agomba gukora akazi ashinzwe ntiyitwaze ko dosiye iyi n'iyi yihutirwa ngo bimuvireho gusiba umuganda.
- Abafite koko dosiye zihutirwa bagomba kubimenyesha ababategeka bakabisabira uruhushya Ministri ku buryo bwanditse, bitarenze kuwa gatanu mbere ya saa sita.

-Buli wese amenye ko Umuganda ali itegeko kandi ugakoranwa umurava.

- Abasohewe Umuganda bagomba gusigara kuli Ministeri bagakora imilimo y'isuku.
- Kubera imilimo ishobora gukenerwa kuwa gatandatu muli "Gestion, Courrier et Archives na Dactylographie", hagomba gusigara umukozi umwe umwe.

N.B. : Ku byerekeye kugenzura imikorere y'Umuganda hemejwe ko hagomba igitsure cy'Umukozi Mukuru aho guterérana abagize Komite ya Selire kuko bamwe biha kubasuzugura.

2) Kote y'Umuganda

Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo yakoze impapuro nshya za Kote mu gifaransa no mu kinyarwanda. Ibyo ni byiza cyane; uretse ko habuzeho ingingo yerekeye umuganda.

Kote y'Umuganda izagaragara ite ?

IGISUBIZO : Mu nama ya Selire twakoze taliki 17 Werurwe 1983 icyo kibazo cyarasuzumwe. Ministeri y'Abakozi ba Leta n'Imilimo yatanze amabwiliza avuga ko Kote y'Umukozi igomba kugaragaza n'ukuntu akora Umuganda kugira ngo ashobore kuzamurwa mu ntera. Ni ukubigaragaza mu nyandiko mu gihe hatarajyaho "rubrique" y'Umuganda

3° ANIMASIYO

- Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino niyo yegukanye umwanya wa mbere mu irushanwa liherutse kuba. Ibyo byerekanye ko Selire yacu yakangukiye Animasiyo. Ishema yegukanye ntiligomba gusubira inyuma.

Animasiyo ni ngombwa rero kandi twese tugomba kuyitabira, abahimbyi bakarushaho kwiyongera.

Abali baratangiye kudohoka nibisubireho.

- Ishimwe Selire yegukanye lihwanye n'amafranga ibihumbi mirongo itanu (50.000 F)

Ayo mafranga azakora iki ?

IGISUBIZO : Milita Ministri yabajije abali mu nama ibyifuzo byabo. Selire yose yemeje guha Milita BIRINDI Simoni amafranga ibihumbi cumi (10.000 FRW) kuko yakoze umulimo ukomeye wo guhimba imbyino n'indilimbo zatumye iba iya mbere. Amafranga asigaye, azakoreshwa bibaye ngombwa.

.../...

3) Inyenda y'animasiyo ikwiye kubikwa hamwe.
Abatarayibonye nabo bakwiye kuyibona.

IBISUBIZO :

- Ababonye inyenda bose bagomba kuyigarura vuba imaze kumeswa buli wese akayishyira mu ibahasha. Milita DAGOMI Yozefu ni we uzayakira, akazageza kuli Ministri lisiti y'abazanga kuyitanga.
- Ku batabonye inyenda, Jesitiyoneli azayibashakira umwaka utaha.

Inyenda yahawe gusa abagaragaye mu irushanwa liherutse.

4) Ese ntibyaba byiza ku munsi w'animasiyo hagiye haba limwe na limwe filimi nk'uko byahozeho ?

IGISUBIZO :

Nibyiza ko bene uwo mwidagaduro wabaho. Komite ya Selire izajye itira filimi nziza kandi zijijura koko.

5) Kuki inzu ikorerwamo inama itagira intebe yihaliye ugasanga bitera akajagali kwizanira intebe ?

IGISUBIZO : - Milita Ministri yasabye Jesitiyoneli kuvuga aho intebe zagiye kandi zali zihali.
- Milita Jesitiyoneli KAMALI Izaki yashubije ko zibwe.
- Milita Ministri yamusabye kugaragaza abazibye ngo bahanwe.

6) Animasiyo yerekeye siporo ntiratungana neza.
Icyakora Selire yacu yagaragaje kwirwanaho mu irushanwa ryatangiye. Byagenda bite ngo siporo itere imbere ?

IGISUBIZO : Ba Entreneli, haba muli voleboli, basiketiboli, n'umupira w'amaguru, bagomba kumenya akazi kabo n'abakinnyi babo. Buli wese ushaka gukina yiyandikisha mu mukino umunogeye. Hagomba gukorwa lisiti y'abakinnyi ikamanikwa ahagaragara.
Abakinnyi bagomba kumenya aho bitoreza no kubona imodoka ibatwara hakili kare igihe hali urugendo rurerure. Entreneli asabwe kubimenyesha Jesitiyoneli mbere y'igihe. Ingorane zishobora kuvuka zigomba gushyikilizwa Komite ya Selire ikaziga vuba.
Hali abatagira ikipi biyandikishijemo ugasanga igihe cyo gukora siporo bikorera ibyo bishakiye aho kugumu mu biro. Abo bazabicikeho. Abagize Komite ya Selire bashinzwe kugenzura abakina n'abakunda kudonoka.
Jestiyoneli ajye abashakira imodoka.

…/…

7) Hakenewe tabulo yo kunenyesha anakuru ya Ministeri n'Umukozi ubishinzwe. Uwo mukozi kandi yatunganya n'ibibazo byerekeye "documentantion".
- Ese tabulo ya za Konji yaheze hehe ?

IBISUBIZO :

- Ni ngombwa koko ko habaho tabulo yerekana ingingo z'ingenzi zagezweho n'izi-teganijwe na za Serivise. Umuntu yavuga nka za Shampiyona n'ukuntu anakipe yatsindanye. Jestiyoneli n'ukuyikoresha.
Abakozi bategura ikiganiro cy'Urubyiruko nibo bashinzwe kureba ibyatangazwa, n'ibyerekeye "documentation".
- Ibyerekeye tabulo ya za Konji, Serivisi zose zatanze ibyifuzo by'abakozi. Ubu batangiye kubona konji batse. Icyakora n'ubwo tabulo za konji zagiye zikorwa ntabwo ali ko zakulikijwe. Hali ubwo umukozi yaka konji igihe atali yateganyije.

4° IMODOKA

1) Abakozi basigaye bakererwa kubera ko za Bisi zidakunda kuboneka cyangwa zikererwa. Ubwo se abakozi babihanirwe ntibyaba ali ukubarenganya ? Umuti ni uwuhe kuli icyo kibazo ?

IBISUBIZO : Buli mukozi ategetswe kuba yageze ku kazi saa moya. Kugirango Leta ibifashemo abakozi, yashyizeho za Bisi zo kubatwara. Nka za Serivisi zikorera ku Kimihurura, ku Cyiru, i Kanombe zifite Bisi zitwara abakozi babo. Abakozi bo mu mujyi nabo bafite Bisi zibatwara. Igihe zabuze uwabona agiye gukererwa yafata Tagisi kuko zo ziboneka buli kanya. Nta mukozi wakwitwaza ko nta Bisi zihali ngo yihe gukererwa.

2) Kuki iyo hagize umukozi wa Selire upfa cyangwa upfushije umuvandimwe hataboneka imodoka yo kumutabara ngo haboneke n'iyabamuherekeza ?

IGISUBIZO : Ntawamenya programu z'urupfu. Ntawe rutumaho, ruza rutunguye. Hali ubwo impanuka iba nta modoka n'imwe ili kuli Ministeri. Nko mu rupfu rwa KABANDA Tomasi, Ministeri yatanze imodoka KAMIYONETI TOYOTA yo gutwara umurambo we aliko habura itwara abakozi ba Ministeri. Abashoboye gutabara umulyango we birwanyeho, bagize neza cyane. Icyo gihe rero nta kundi Ministeri yali kubigenza.

3) Imodoka iyo igiye muli misiyo ihabwa lisansi nkeya ugasanga abashofeli bafite ingorane igihe ibashiliyeho. Ni iyihe mpamvu ibitera ? Ese utanze amafranga ye ntakwiye kuyasubizwa ?

IBISUBIZO : Jestiyonel atanga lisansi akulikije urugendo rugomba gukorwa. Kenshi ndetse arenzaho kuko ushobora kujya ahantu hagutunguye kandi ngombwa. Abo lisansi ishiliraho batigiliye mu byabo ni bakeya cyane. Ababikora bajye babyilinda.

.../...

- Abatanze amafranga yabo kuko lisansi yabashiliyeho barayasubizwa igihe cyose berekanye ibyemezo. Misiyo zali zahagaze kubera lisansi zizakomeza i Kibungo n'i Kigali.

5° MISIYO

1) Kuki muli misiyo hakunda kugenda abantu bamwe gusa ?

a) Misiyo zo mu mahanga

IBISUBIZO : Milita Ministri yavuze ko kuva yagera muli Ministeri yakunze gusaranganya misiyo zo mu mahanga. Ikindi gikwiliye kwitonderwa ni uko mu mahanga hagomba kujyayo abakozi bashobora guhagaralira Igihugu, bafite ubuhanga n'ubushobozi.
Ministri yibukije ko kwaka "ordre de mission" bigomba gukorwa mu gihe cyateganijwe ni ukuvuga mbere y'iminsi 12 n'ubwo byaba atali Leta yishingiye gutanga amafranga y'urugendo.
Ku byerekeye Sitaji, abakozi benshi bazahugurwa. Abitegura kujya muli Sitaji mu mahanga bagomba kwitegura mbere hasigaye amezi ane, bagakulikirana dosiye zabo, kubwira Ministri ngo abikulikirane hasigaye iminsi ibili cyangwa umwe ko atali byiza.

b) Misiyo zo mu Rwanda : Buli Serivisi yasabwe gutegura misiyo ziteganijwe mu mwaka. Ba Shefu ba Serivisi nibo bagomba gusaranganya izo misiyo mu bakozi babo bakulikije ubushobozi n'akazi bashinzwe. Kubera ko hali za misiyo zituma umuntu arara, abagore basabwe kujya bavuga niba nta ngorane bafite zo gusiga ingo zabo.

6° Amafranga ya misiyo

- Abakozi bakwiye kugenda bajyanye amafranga ya misiyo kuko bashobora kwicwa n'inzara.
- Igihe umuntu agiye atunguwe, iyo agarutse yagombye kuyabona vuba.

IGISUBIZO :

- Muli iki gihe, iyo za misiyo zizwi hakili kare, umukozi agenda atwaye amafranga ya misiyo.
  Ababishinzwe bajye rero bilinda kubihubukira.
- Abagiye muli misiyo nta mafranga batwaye Jestiyoneli ajye akora uko ashoboye aboneke vuba.
- Mu gusoza iyo ngingo Milita Ministri yibukije ko buli kintu cyose kigomba gukorwa kidahubukiwe (méthode de travail). Abakozi bagomba kwilinda gutinza amadosiye. Birababaje kubona muli Memorandum ya Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga habuzemo imishinga ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kuko tuba tutayitanze.

7° IBIRO

1) Gukwilirikanya ibiro hakulikijwe imiterere ya za Servisi bigeze hehe ?

IGISUBIZO :

- Ministeri yagerageje kongera ibiro bisanzwe. Ba Shefu ba Serivisi bagabanyijwe ibiro kugirango babone uko begera abakozi babo.

Birumvikana ko hakili ibibazo. Abakozi bamwe baracyarundanye, abandi ntibegeranye n'abo bahuje akazi. Ubuke bw'ibiro buracyatera ibibazo.

- Milita Ministri yasabye Jestiyoneli kwandikira Ministri w'Imilimo ya Leta kugira ngo azaduhe amazu ya Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi abangikanye n'aya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino, igihe Serivisi zihali zizaba zimukiye ahandi.

2) Muli Dagitilo hameze nabi cyane. Haranuka kuko inyanda ituruka hejuru yatumye inkuta zinyenya, ibyo bigatuma akazi gakorwa nabi. Ese nta handi yakwimulirwa ? Ni ngombwa ko haza Muganga ngo arebe niba nta ndwara hatera ?

IGISUBIZO : Jestiyoneli asabwe gufunga W.C. iganisha inyanda aho hantu. Muli iki gihe biracyaruhije kubona ahandi hajya dagitilo.

8° ISUKU :

1) W.C. zarabonetse aliko amazi ajya akunda kubura. Ingunguru zo gushyiramo amazi zaheze he ?

IGISUBIZO :

- Jestiyoneli azazishake vuba nk'uko byemejwe. Azateganye umuparanto uzajya avoma amazi ayuzuze ingunguru.

- Si ngombwa gukoresha itera bwoba ngo isuku yitabweho.
Milita Ministri yaboneyeho kwiyama abazamu badakora akazi kabo neza. Kenshi usanga biteretse inzagwa cyangwa umuntu yanyura kuli Ministeri ntababone. Guhita birukanwa si byiza. Abashinzwe kubagenzura bajye bababaza impamvu batoroka akazi, nibaramuka bakabije babihanirwe bikomeye kuko kubirukana si wo muti wonyine.

2) Abaparanto ntibakora isuku bihagije kandi barasuzugura. Buli munsi usanga inyanda ili hose kuko batagikoropa.
Ese ni uko ali bakeya cyangwa ntawe ubareba igitsure ?

IGISUBIZO :

- Abaparanto bagenewe gukora isuku buli munsi, umuntu agakorera ahali umwuka mwiza.
Mu gitondo ibiro byose bigomba kuba bisukuye.

- Igihe hali inyanda aha n'aha, Shefu wa Serivisi umuparanto alimo agomba kumutegeka kuyikuraho. Nka W.C. zigomba guhora zifite isuku. Hagomba buli gihe indobo yuzuye amazi igihe W.C. idakora neza.

.../..

- Muli iki gihe abaparanto si benshi, aliko abahali ntibagomba kwicara ubusa.
- Abaparanto basuzugura bagomba kubihanirwa.

9° TELEFONI : Gushyira Telefoni mu biro bigeze he ?

IGISUBIZO : Jestiyoneli yashubije ko imilimo y'ingenzi yarangiye.

10° VANTILATERI : Ese Vantilateri zaheze he ?

IGISUBIZO : Milita Ministri yabajije Jestiyoneli impamvu atubahilije icyemezo Selire yafashe. Yireguye avuga ko bije ya Ministeri idahagije ko haguzwe ibyihutirwa. Ni ugutegereza umwaka utaha.

11° AMAKALITA YO KWINJILIRA UBUNTU

Selire ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntikwiliye guhezwa mu mikino. Abakozi bayo ntibakwiliye kuliha amafranga nk'abandi.

- Abagize Komite y'Imikino babivugaho iki ?

IGISUBIZO : Milita Ministri yavuze ko icyo kibazo cyakunze kugaruka mu nama zabaye. Ntibishoboka ko abakozi bose ba Minisiteri babona ayo makarita. Lisite y'abayagenewe yaremejwe. Igisigaye ahubwo ni ukugenzuru abayafashe nta burenganzira bafite.

12° Hali abakozi baratisha abandi amagaradi. Ugasanga babuza abo bakoresha epfo na ruguru. Umuti ni uwuhe ?

IGISUBIZO : Abategetsi n'abategekwa, buli wese agomba kumenya umwanya alimo. Muvoma idusaba kubahana, kwilinda amatiku n'ubutiliganya. Isaba buli Militante na Milita kwitangira urwanubyaye mu mahoro, kwiyumvamo ubuvandimwe ngo u Rwanda ruve mu bukene n'ubujiji. Abakoresha amagarade balyamira abandi, bisubireho kuko atali byiza. Nibananirana bazahanwa. Gutegeka ni ugushyira mu gaciro, ni ugukoresha ukuli.

13° Hali abakozi bihaye kunenga abandi, bagateshanya agaciro n'icyubahiro muli Selire, ibyo bizakemurwa bite ?

IGISUBIZO :

Ministeri igomba guhumeka umwuka mwiza. Inzangano n'amatiku bigomba kuvaho i - haba mu bato cyangwa mu bakuru. Abakwiza impuha n'ibinyoma bagomba kwisubiraho.
- Umukozi iyo agiranye n'undi intonganya bigomba gusuzumwa na ba Shefu ba Serivisi bakabibonera umuti. Igihe binaniranye, bishyikilizwa izindi nzego.

.../...

14° <u>Resebusiyo :</u>

Selire yacu yabaye iya mbere, Ministri yemeza ko izakilirwa muli Hoteli KIYOVU.

Resebusiyo yabaye ntabwo yashimishije kuko byabaye kuremba abantu. Birakwiye ko Resebusiyo yajya itegurwa na Komite ya Selire, ikareba abashobora gucikanwa mu mpande zose.

<u>IGISUBIZO</u> : Resebusiyo si uguhaga. Ni akanyamuneza. Ibyateganijwe bigomba gusaranganwa.

Ubutaha Komite ya Selire azabe aliyo itegura Resebusiyo kandi yicaze abantu

15° <u>Umuganura</u>

Mu gihe gitaha, Selire yacu yali ikwiye gukorera umuganura hamwe.

<u>IGISUBIZO</u> : Icyo ni igitekerezo cyiza. Tuzageragez a kubanza kukiga .

16° <u>Imyidagaduro :</u>

a) Ministeri ikwiye kureba ukuntu abantu barushaho kwidagadura haba mu cyaro cyangwa mu mujyi (gusura ibyiza bitatse igihugu cyacu, gutuma abantu bungurana ibitekerezo, kongera imyidagaduro inyuranye, gusura ibihugu bidukikije ...). Ababishinzwe bakwiye kwiga icyo kibazo.

<u>IGISUBIZO</u> : Igitekerezo nk'icyo ntawe utagishyigikira. Serivisi ya "Folklore et Loisirs" izabyige ifatanije n'izindi nzego nka Ofisi ya Turisime.

b) Selire ikwiye kujya gusura Pariki y'Akagera. Ababishaka bagatanga kotisasiyo. Ministeri yareba uko ifasha abemeye uwo mugambi.

<u>IGISUBIZO</u> : Milita Ministri yavuze ko ali igitekerezo cyiza ko nawe ashaka kujyayo. Yasabye Komite ya Selire kwiga icyo kibazo no guteganya amafranga buli muntu yatanga.

17° <u>Kuvuza abo mu rugo</u>

Hali abashefu bamwe banga guha uruhushya abakozi babo ngo bajye kuvuza abo mu rugo.

Ese kubwira umuboyi cyangwa umuyaya ngo abe aliwe ujya kuvuza umwana ni byo ?

<u>IGISUBIZO</u> : Nta mukozi waka uruhushya rwo kuvuza abo mu rugo ngo barumwime.

18° Abakozi ba Ministeri batarabona imidali y'ishimwe kandi bujuje ibyangombwa bazayibona ryali ?

<u>IGISUBIZO</u> : Abazi ko bujuje ibyangombwa byo kubona imidali y'ishimwe lisiti yabo yoherejwe mu rwego rubishinzwe, n'ugutegereza igisubizo.

.../...

III. UMUSOZO

- Milita Ministri yavuze ko yishimiye gukorana na buli wese mu mahoro no mu bwumvikane.
Buli mukozi azaterwa inkunga mu kazi ke kandi kw'ingorane tuzajya dushakira hamwe uko zabonerwa umuti. Yunzemo, ati izi mana zigenewe kuzana umwuka mwiza, gukosorana no guhama amahoro. Ayo mahoro ni ukuyasakaza kuli buli wese. Uzagira akarengane wese azabigeza mu rwego rwa mufasha, hali ba Shefu ba Serivisi, Komite ya Selire, Ministri, byananirana bikajya no muzindi nzego.

- Milita Ministri yashoje inama yongera kwifuliza akazi keza abakozi bose n'uko amahoro yasakara muli Selire ayobora.
Kubera ko Selire yali yiyandikishije mu irushanwa ryamamaza itora litaha ryateguwe na Prezidansi ya M.R.N.D., abagize "groupe choc" bacishijeho indilimo nziza yo kuzatora Milita Jenerali Major HABYARIMANA Juvenali, Prezida wa Republika, Prezida Fondateri wa M.R.N.D. hamwe n'Abagize Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere.

Umwanditsi :

Visi-Prezida wa Komite
ya Selire
BAGOYI Jozefu.-
(signature)

Prezida w'Inama :

Ministri w'Urubyiruko
n'Imikino
NDINDILIYIMANA Agustini
Major BEM.

(sé)